

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA v. BARUTWANAYO

RPAA 00257/2020/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

27 April 2022

CASE / FILE NUMBER

RPAA 00257/2020/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA v. BARUTWANAYO

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2022-04-27
- Case/document no.: RPAA 00257/2020/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA v. BARUTWANAYO [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA 00257/2020/CA, (Kaliwabo, P.J.) 27 Mata 2022] Amategeko nshinjabyaha – Igabanyagihano – Ingaruka z'icyaha ni kimwe mu bigomba kwitabwaho mu kugena ibihano. Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, Ubushinjacyaha bukurikiranyeho abitwa Barutwanayo na Munyentwari icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi n'icyaha cy'ubujura bukoreshajwe kiboko, buvuga ko bacuze umugambi wo kwica uwitwa Minani ngo bamutware moto, uwo mugambi uburizwamo n'abantu batabaye bagasanga Minani yanigishijwe ikiziriko, umwuka uri hafi guhera. Abaregwa baburanye bahakana icyaha, Munyentwali akaba yaraburanye avuga ko yatumwe n'uwitwa Habimana kumuzanira moto imutwarira umutwaro akaba ariyo mpamvu yagiye kuzana Minani, ko yamushyikirije uwamutumye agahita yigendera. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko abaregwa bahamwe n'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi n'icyaha cy'ubujura bukoreshajwe kiboko, rubahanisha igihano cy'igifungo cya burundu. Abaregwa bajurirye Urukiko Rukuru bavuga ko bahamijwe icyaha kandi ngo batari mu mugambi umwe na Habimana. Urwo Rukiko narwo rwaciye rwemza ko ubujurire bwabo nta shingiro bufite, rugumishaho imikirize y'urubanza rwajuririwe. Barutwanayo yajurirye Urukiko

rw'Ikirenga, nyuma y'ivugurura ry'amategeko agenga ububasha bw'inkiko urubanza rushyikirizwa Urukiko rw'Ubujurire. Mu bujurire bwe avuga ko Urukiko Rukuru rwirengagije ko Munyentwali uri mu bakoze icyaha yasobanuye ko we(Barutwanayo)atigeze afatanya n'abagikoze, ko yasabye ko urubanza ruburanishirizwa aho icyaha cyabereye kugira ngo habazwe abatangabuhamya, ariko ngo ntiyabyemererwa. Ubushinjacyaha bwo bwaburanye buvuga ko nta nenge iboneka mu rubanza Barutwanayo yajuririye, ko uyu nawe yemera ko ari we wagiye kuzana Minani (motari) akamusangisha Habimana na Munyentwari, abatabaye Minani bakaba barasanze yanigishijwe ikiziriko kugira ngo bamwambure moto ye. Bwavuze kandi ko Barutwanayo yashatse kujijisha, agahururana n'abumvise induru ya Minani, ko ariko abatangabuhamya babajijwe bavuze ko Barutwanayo yari mu mugambi umwe na Habimana na Munyentwari. Ku birebana no kuba Urukiko rwaranze kuburanishiriza aho icyaha cyakorewe kugira ngo rubaze abatangabuhamya, Ubushinjacyaha buvuga iyi mpamvu nayo nta shingiro ifite kuko Urukiko rudategetswe kubaza abatangabuhamya bose umuburanyi asabye mu gihe atagaragaza icyo bungura ku rubanza kandi ko urutonde rw'abatangabuhamya Barutwanayo avuga atigeze aruburanisha mu Rukiko rubanza, bityo akaba adashobora kunenga ibitaragiweho impaka mu Rukiko rubanza. Incamake y'icyemezo: 1. Ingaruka z'icyaha ni kimwe mu bigomba kwitabwaho mu kugena ibihano, bityo Barutwanayo agomba guhanishwa igifungo cy'imyaka 15 mu mwanya w'igifungo cy'imyaka 25 ateganyirizwa n'Itegeko. Urubanza ruhindutse ku birebana n'ibihano gusa;

Page 2

Uregwa ahanishijwe igifungo cy'imyaka 15 mu mwanya w'igifungo cya burundu. Amategeko yakoreshejwe: Itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, Ingingo ya 21 igika cya 3 n'ya 334 igika cya 2. Itegeko N° 15/2004 ryo kuwa 15/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, Ingingo ya 62 Imanza zifashishijwe: Ubushinjacyaha v. Kabalisa, RPAA 00575/2018/CA, rwaciye n'Urukiko rw'ubujurire kuwa 08/11/2019. Urubanza [1] Urubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, Ubushinjacyaha bukurikiranyeho Barutwanayo Jean Pierre na Munyentwari Ildéphonse icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi n'icyaha cy'ubujura bukoreshwe kiboko, buvuga ko bacuze umugambi wo kwica MINANI Samuel ngo bamutware moto uwo mugambi uburizwamo n'abantu batabaye bagasanga MINANI yanigishijwe ikiziriko, umwuka uri hafi guhera. [2] Munyentwari na Barutwanayo baburanye bahakana icyaha, uyu akaba yaravuze ko yatumwe na Habimana kumuzanira moto imutwarira umutwaro akaba ariyo mpamvu yagiye kuzana Minani, ko yamushyikirije uwamutumye agahita yigendera ahubwo akagaruka atabaranye n'abandi kubw'induru yari yumvise mu rugo rwa Habimana, bityo akaba adakwiye kuzira icyaha atagizemo uruhare. [3] Kuwa 17/11/2016, Urukiko rwaciye urubanza RP 0619/15/TGI/GSBO, rwemeza ko Barutwanayo Jean Pierre na Munyentwari Ildéphonse bahamwa n'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi n'icyaha cy'ubujura bukoreshwe kiboko, rubahanisha igifungo cya burundu. [4] Mu kubahamya ibyo byaha, urukiko rwashingiye ku mvugo z'abatangabuhamya babajijwe bose bagahuriza ku kuba igihe batabaraga barasanze Minani ari mu gikoni kwa Habimana aboheshejwe ikiziriko cy'ihene mu ijosi ndetse ari hafi gushiramo umwuka, izo mvugo zigashimangirwa n'imvugo za Minani wari ugiye kwicwa. [5]

Bautwanayo Jean Pierre na Munyentwari Ildéphonse bajuririye Urukiko Rukuru bavuga ko bahamijwe icyaha kandi ngo batari mu mugambi umwe na Habimana. [6] Ku wa 30/11/2017, Urukiko Rukuru rwaciye urubanza RPA 0034/2017/HC/KIG- RPA00633/2017/HC/KIG rwemeza ko ubujurire bwa Barutwanayo Jean Pierre n’ubwa Munyentwari Ildephonse nta shingiro bufite, rugumishaho imikirize y’urubanza RP 0619/15/TGI/GSBO.

Page 3

[7] Ku wa 15/12/2017, Barutwanayo Jean Pierre yajuririye Urukiko rw’Ikirenga, nyuma y’ivugurura ry’amategeko agenga ububasha bw’inkiko urubanza rushyikirizwa uru Rukiko ruhabwa RPAA 00257/2020/CA. Mu mwanzuro w’ubujurire bwe, Barutwanayo yavuze ko yashinjuwe n’imvugo za Munyentwari ariko Urukiko ntirubiteho, ko kandi hari abatangabuha yifuje ko babazwa nabyo ntiyabihabwa, naho Ubushinjacyaha buvuga ko nta mvugo ishinjura Barutwanayo iboneka muri dosiye kandi ko Urukiko rwashingiye ku buhamya bw’abantu batabaye Minani. [8] Ku wa 08/04/2022 iburanisha ryabaye Barutwanayo yunganiwe na Me Rwimo Clotilde naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Niyonzima Vincent Umushinjacyaha ku Rwego rw’Igihugu. Urukiko rurasuzuma niba koko hari hari imvugo z’abatangabuhamya bashinjura Barutwanayo zirengagijwe. II. ISESENGURWA RY’URUBANZA Kumenya niba hari ubuhamya bushinjura Barutwanayo bwirengagijwe. [9] Barutwanayo Jean Pierre yajuriye avuga ko Urukiko Rukuru rwirengagije ko Munyentwari Ildéphonse uri mu bakoze icyaha yasobanuye ko Barutwanayo Jean Pierre atigeze afatany n’abagikoze, ko yasabye ko urubanza ruburanishirizwa aho icyaha cyabereye kugira ngo habazwe abatangabuhamya barimo Magagari, Minani Innocent, Bizimana Jean Damascène, Mwumvaneza Alexis, Nkurunziza na Claudine, ariko ngo ntiyabyemererwa. [10] Mu mwanzuro we, Me Rwimo Clotilde wunganira Barutwanayo yavuze ko Urukiko Rukuru rwirengagije gushingira ku mvugo za Barutwanayo wasobanuye uko yatumwe na Habimana kumuzanira umuntu utwara moto kugira ngo amutwarire umuzigo, nyuma yo kumuzana akaba yarahise agenda, ko yumvise induru agatabarana n’abandi barimo Claudine, akaba atumva impamvu yatumye ubuhamya bw’abatangabuhamya burutishwa imvugo ya Barutwanayo. Yakomeje avuga ko Urukiko rubanza rwakoze ikosa ryo gushingira ku mvugo z’abatangabuhamya batujuje ibivugwa mu ngingo ya 62 y’Itegeko n°15/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n’itangwa ryabyo ivuga ko «ubuhamya ari ibivugwa mu rukiko n’uwabibonye cyangwa uwabyumvise ubwe», nyamara mu babajijwe bose hakaba nta numwe uvuga ko yibonye Barutwanayo aniga Minani. Avuga ko icy’ukuri abatangabuhamya bahurizaho aruko Barutwanayo ari we wazanye Minani (umumotari) kandi nawe akaba abyemera ariko ku zindi mvugo, aba batangabuhamya bakaba bagenekereza. [11] Me Rwimo yanenze Urukiko ko rwashingiye ku buhamya bwa Liberata uvuga ko yabonye Munyentwari amusanga mu rugo asaba amazi yo kunywa mu buryo bwo guhunga icyaha yari avuye gukora kwa Habimana, ko uyu adashobora gushinja Barutwanayo kuko ibyo avuga kuri Munyentwari bisobanura ko yageze kwa Habimana akerewe. Yavuze kandi ko ubuhamya bwa Minani budashobora kuba ikimenyetso gishinja Barutwanayo kuko uyu yavuze ko yanizwe n’abantu batatu ariko akaba atarigeze avuga abo ari bo mu gihe atashoboraga

kwibagirwa Barutwanayo kuko bari bazanye kuri moto. [12] Me Rwimo yashoje avuga ko nta bimenyetso bishinja Barutwanayo ibyaha akurikiranyweho, ko ariko Urukiko rubibonye ukundi rwamuhanisha igifungo cy'imyaka 10 kuko nta ngaruka zikomeye zatewe n'ibyaha akurikiranyweho kuko nta muntu wakomeretse.

Page 4

- [13] Urukiko rwashatse kumenya abantu Barutwanayo yasize kwa Habimana n'abo yahasanze mu gihe yatabaraga yumvise induru, avuga ko yasize MINANI ari kumwe na Ndayisaba na Nkurunziza na Habimana naho we akaba yarasohokanye na Baganineza na Minani Samuel. Yavuze ko induru yayumvise akiri hafi agatabarana na Claudine bari kumwe, ko nanone basanze muri urwo rugo Ndayisaba na Nkurunziza na Munyentwari, ko yabajije Munyentwari icyo bapfuye na Minani kandi yabasize basangira inzoga. [14] Ubushinjacyaha bwisobanuye buvuga ko nta nenge iboneka mu rubanza Barutwanayo yajuririye, ko uyu nawe yemera ko ari we wagiye kuzana Minani (motari) akamusangisha Habimana na Munyentwari, abatabaye Minani bakaba barasanze yanigishijwe ikiziriko kugira ngo bamwambure moto ye. Bwavuze kandi ko Barutwanayo yashatse kujijisha, agahururana n'abumvise induru ya Minani, ko ariko abatangabuhamya babajijwe bavuze ko Barutwanayo yari mu mugambi umwe na Habimana na Munyentwari. Bwasobanuye kandi ko Barutwanayo uburanisha ko Munyentwari yamushinjuye nta hantu na hamwe yerekana imvugo imushinjura. [15] Ubushinjacyaha bwavuze ko ingingo Barutwanayo aburanisha ko Urukiko rwanze kuburanishiriza aho icyaha cyakorewe kugira ngo rubaze abatangabuhamya, nayo nta shingiro ifite kuko Urukiko rudategetswe kubaza abatangabuhamya bose umuburanyi asabye mu gihe uyu atagaragaza icyo bungura ku rubanza kandi ko urutonde rw'abatangabuhamya Barutwanayo avuga atigeze aruburanisha mu Rukiko rubanza, bityo akaba adashobora kunenga ibitaragiweho impaka mu Rukiko rubanza. Ubushinjacyaha bwasabye ko hakurikizwa ibyemejwe mu rubanza rwa Jean Kambanda rwaciwe n'Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda (Affaire n° ICTR 97-23-A, paragraphe 41). Bwavuze kandi ko Minani yasobanuye ko yanizwe n'abantu 3 kandi yiboneye, ko rero Barutwanayo adasobanura ikosa riri mu buhamya bwa Minani. [16] Ubushinjacyaha bwasabye ko urubanza rwajuririwe rwahinduka gusa ku birebana n'igihano, Barutwanayo ushinjwa ubwinjiracyaha agahanishwa igifungo cy'imyaka 25 mu mwanya w'igifungo cya burundu nk'uko biteganywa mu ngingo ya 21 y'Itegeko n° 68/2018 rigena ibyaha n'ibihano muri rusange. [17] Ingingo ya 62 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 15/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko umutangabuhamya ari umuntu uvuga ibyo yiboneye cyangwa yumvise. [18] Urukiko rurasanga ubujurire bwa Barutwanayo bushingiye ku kuba Urukiko Rukuru rwaranze kuburanishiriza ahakorewe icyaha ngo rubaze abatangabuhamya bamushinjura no kuba rwarashingiye ku mvugo z'abatangabuhamya bamushinja ibyo batahagazeho. [19] Urukiko rurasanga ingingo irebana n'abatangabuhamya batigeze babazwa, Barutwanayo n'ubwunganizi bwe batarigeze bayigarukaho mu miburanire yabo, kuba bataragaragaje abatangabuhamya bifuzako babazwa n'icyo bamushinjura, rukaba rusanga iyi ngingo nta

gaciro yahabwa. [20] Urukiko rurasanga mu gusubiza ubujurire bwa Barutwanayo, Urukiko Rukuru, mu gika cya 10 n'icya 11 by'urubanza rwaciye, rwarerekanye ko Minani yashinje Barutwanayo wamuzanye amubeshya ko hari umuzigo agiye gutwara hanyuma akanigwa n'abantu 3, Urukiko rukaba rwarasobanuye ko abo bantu 3 ari Habimana na Munyentwari na Barutwanayo kuko

Page 5

aribo bari muri urwo rugo. Rwasobanuye kandi ko ubuhamya bwa Munyentwari budashinjura Barutwanayo ahubwo ko bumushinja kuba yarafatanyije na Habimana kuniga Minani. Rwasobanuye kandi ko imvugo z'abatangabuhamya zashingiweho ku buryo bwubahirije ingingo ya 65 y'Itegeko ryerekeye ibimenyetso. [21] Urukiko rurasanga, Barutwanayo uvuga ko Munyentwari yamushinjuye bikirengagizwa aterekana imvugo imushinjura yaba yarirengagijwe. Nk'uko Urukiko Rukuru rwabibonye, Munyentwari mu ibazwa rye, yashinje Barutwanayo kuba yarafatanije na Habimana kuniga Minani¹. [22] Urukiko rurasanga imiburanire ya Barutwanayo ivuga ko abatangabuhamya bamushinje bagenekereza nta shingiro ifite ko abatanze ubuhamya ari abantu batabaye bumvise induru y'umuntu utabaza, bakaba baravuze ibyo biboneye n'amaso yabo ndetse bakaba barafashe Barutwanayo akiri aho icyaha cyakorewe. Ibyo biboneka mu buhamya bwa Nyiramana Donata wabaye uwa mbere gutabara ari kumwe na Muhawenimana Jeanette, Niyonsenga na Habineza², aba kandi akaba aribo bafashe Barutwanayo agiye gucika, Barutwanayo nawe mu ibazwa rye imbere y'Ubushinjacyaha (cote 31) akaba yaremeye ko uwatabaye wa mbere ari umukobwa n'umusore kandi ko bamusanze kwa Habimana (aho icyaha cyabereye). Abandi batabaye kandi bagatanga ubuhamya ni Semarora na Nyiramana Liberata (cote 14). [23] Urukiko rurasanga imvugo z'abatangabuhamya zunganira ibyavuzwe na Minani (victim) wasobanuye uburyo yanizwe n'abantu batatu kandi muriho ko harimo uwo bazanye kuri moto bava ku Ruhuha, nubwo atamenye amazina yabo kuko aribwo bwa mbere yari ababonye, nyamara yasobanuye uko buri wese yasaga n'ibyo yari yambaye (description physique), akaba yarasobanuye ko babiri bamufashe amaguru n'umutwe uwa gatatu akamushyiramo ikiziriko bakabona kumukururira mu gikoni. Yasobanuye kandi ko uwambere watabaye ari umukobwa³ wahageze akamuvanamo ikiziriko ndetse akamusukira amazi, iyi mvugo ikaba ivuguruzwa imiburanire ya Barutwanayo uvuga ko yumvise induru akava kwa Habimana agahita atabara ari kumwe na Claudine. [24] Urukiko rurasanga, uretse no kuba abatangabuhamya bose bamushinja, Barutwanayo wiyemereye ko ari we wagiye kuzana Minani akamugeza kwa Habimana, imyiregurire ye igaragaza kwivuguruzwa ku ngingo z'ingenzi aho mu Bushinjacyaha yemeye ko ko asanzwe aziranye na Munyentwari naho muri uru Rukiko akavuga ko atari kujya inama yo gukora icyaha n'abantu atazi. Nanone muri uru Rukiko yavuze ko akimara kugeza Minani kwa Habimana yahise agenda nyamara imbere y'Ubushinjacyaha akaba yaremeye ko Habimana na Munyentwari baziritse Minani I abireba (cote 30). Barutwanayo kandi yabajijwe niba hari abandi bantu bari kwa Habimana mbere mu gihe cyo kuniga Minani, asubiza ko hari Nkurunziza na Ndayisaba, abajijwe niba abo bari mubanze Minani cyangwa niba bararebereraga ikorwa ry'icyaha asubizako bari biyicariye gusa. 1 Reba ibazwa rya Munyentwali imbere y'ubugenzacyaha, cote 7. 2 Reba ibazwa rya Nyiramana Donata kuri cote 18. 3 Iyi mvugo ihuza

n'ya Donata wavuze ko ari we wahageze mbere ari kumwe n'abandi bakobwa babiri n'umuhungu wahise afata Barutwanayo naho Habimana akiruka. Barutwanayo nawe yavuze ko uwatabaye mbere ari umukobwa wari kumwe n'undi musore.

Page 6

[25] Urukiko rushingiye kubivuzwe hejuru, rushingiye no ku ngingo ya 654 y'Itegeko n°15/2004 ryo ku wa 24/05/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, rurasanga ingingo y'ubujurire ivuga ko Urukiko rwahamije icyaha Barutwanayo Jean Pierre rushingiye ku batangabuhamya bagenekereza, nta shingiro ifite. B. Ku birebana n'ibihano [26] Nyuma yuko ababuranyi basabwe kugira icyo bavuga ku bihano, ugereranyije no kuba Barutwanayo ashinjwa ubwinjiracyaha mu cyaha cyo kwica n'icy'ubujura bukoresha kiboko, Ubushinjacyaha bwashyize ko hubahirizwa ibivugwa mu ngingo ya 21 y'Itegeko N° 68/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange maze uyu agahanishwa igifungo cy'imyaka 25 mu mwanya w'igifungo cya burundu yakatiwe n'Urukiko Rukuru. Barutwanayo yunganiwe na Me Rwimo Clotilde yavuze ko mu gihe Urukiko rwabibona ukundi, uyu yahanishwa igifungo cy'imyaka 10 kuko, uretse no kuba ari ubwinjiracyaha nyamara kandi ngo nta muntu wakomerekeye muri ibi bikorwa ashinjwa. UKO URUKIKO RUBIBONA [27] Ingingo ya 334 y'Itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, mu gika cyayo cya 2, iteganywa ko icyaha cyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda gihanwa hakurikijwe itegeko ryakigengaga keretse mu gihe iri tegeko riteganywa ibihano byoroheje. [28] Ingingo ya 21 y'Itegeko rivuzwe harugu, mu gika cyayo cya 3, iteganywa ko ubwinjiracyaha bw'icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye buhanishwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'igihano giteganyirijwe icyo cyaha. Ku cyaha gihanishwa igifungo cya burundu, ubwinjiracyaha buhanishwa igihano cy'igifungo kingana n'imyaka makumyabiri n'itanu (25). [29] Urukiko rurasanga Barutwanayo wahanishijwe igifungo cya burundu kubera ubwinjiracyaha cy'ubwicanyi n'icy'ubujura bukoreshajwe kiboko arebwa n'ingingo ya 21 yavuzwe haruguru kuko, ku birebana n'ubwinjiracyaha, itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibihano byoroheje kuruta Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo gihana ibyaha, bityo kubw'Itegeko Barutwanayo akaba agomba guhanishwa igifungo cy'imyaka 25. [30] Urukiko rurasanga, nubwo Barutwanayo yakozwe icyaha cy'ubugome cyo gushaka kwica Minani no kumwiba moto ndetse uyu akaba yaragize uruhare rukomeye rwo kujya kumuzana akamugeza aho bagombaga kumwicira, nyamara kandi bidaturutse ku bushake bw'abakoze icyaha, abantu baratabaye bituma baburizamo ingaruka zikomeye z'icyaha, Minani atabarwa hakiri kare kandi Urukiko rukaba rutaragararijwe ko hari ubumuga yasigiwe n'icyaha yakorewe. Kubera iyo mpamvu, rushingiye ku ngingo ya 49 y'Itegeko N° 68/2018 ryibukijwe haruguru, iteganywa ko ingaruka z'icyaha ari kimwe mu bigomba kwitabwaho mu kugena ibihano, rurasanga Barutwanayo agomba guhanishwa igifungo cy'imyaka 15 mu mwanya w'igifungo cy'imyaka 25 ateganyirizwa n'Itegeko. Igabanyagihano rishingiye ku ngaruka nkeya z'icyaha uretse no kuba ryumvikana mu ngingo ya 49 yavuzwe, uru Rukiko rwabifasheho icyemezo mu 4 Urukiko ni rwo rwonyine rupima ko imikirize y'abatangabuhamya ihuye n'ikiburanwa,

ifite ingingo zikiranuye kandi ikaba ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa.

Page 7

manza zitandukanye harimo n'urubanza RPAA 00575/2018/CA rwa rwaciwe ku wa 08/11/2019 haburana Ubushinjacyaha na Kabalisa Alexis. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [31] Rwemeje ko urubanza RPA 00034/2017/HC/KIG-RPA 00633/2017/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru kuwa 30/11/2017 ruhindutse ku birebana n'ibihno gusa. [32] Rwemeje ko Barutwanayo Jean Pierre ahanishwa igifungo cy'imyako 15 mu mwanya w'igifungo cya burundu yakatiwe. [33] Rutegetse ko Barutwanayo Jean Pierre asonerwa amagarama y'urubanza kuko yaburanye afunzwe.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/7955/8232>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/barutwanayo-jean-pierre-attemptedmurder-court-of-appeal-2022>

Prepared on 12 October 2026 · Esheria